UMUHANGO WO KWAKIRA ABAKOMISERI BAGIZE MANDA YA 5 NO GUSEZERA KU BARANGIJE MANDA YA 4

Kuri uyu wa gatanu tariki ya 02/09/2011, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yakiriye Abakomiseri bayo bagize manda ya gatanu inasezera ku barangije manda ya kane.

Mbere y'umuhango nyirizina wo gusezera ku bakomiseri bacyuye igihe no kwakira ku mugaragaro abagize manda ya gatanu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Dr. HABYALIMANA Jean Baptsite, yabanje gushimira abitabiriye uwo muhango bose ndetse by'umwihariko anashima ibikorwa byakozwe n'abakomiseri bacyuye igihe kuko batanze umusanzu ukomeye mu bikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge. Umunyamabanga Nshingwabikorwa akaba yaranatanze ikiganiro mu nshamake ku nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibyo imaze kugeraho, inzitizi zikigaragara ku bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda n'ingamba zafatwa kugira ngo ubumwe n'ubwiyunge bugerweho, gahunda z'Itorero ry'Igihugu zigamije kubaka umunyarwanda wimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, icyerekezo cy'Itorero ry'Igihugu ku rwego rw'umudugudu nk'igicumbi cy'inyigisho z'uburere mboneragihugu, ingamba zafasha kugera ku bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Nyuma y'icyo kiganiro abari aho bakaba barunguranye ibitekerezo ku bikorwa, icyerekezo n'ingamba Komisiyo yakurikiza kugira ngo igere ku nshingano zayo.

Mu ijambo rye, Perezida wa Komisiyo Bishop John RUCYAHANA yagaragaje ko ubumwe bw'abanyarwanda ariwo musingi w'iterambere ry'igihugu kuko abishyize hamwe nta kibananira. Yasabye kandi abakomiseri bashya gufasha abanyarwanda kugira amatwara mashya n'imyumvire mishya kugirango bubake amateka mashya. Yashimiye cyane abakomiseri bacyuye igihe ku mirimo myiza bakoze, aho yabibukije ko nubwo bacyuye igihe ariko ko bazakomeza ibikorwa byose by'ubumwe n'ubwiyunge.

Pasteur Antoine RUTAYISIRE wari Vice Perezida wa Komisiyo, mu ijambo rye asezera mu izina ry'abakomiseri bacyuye igihe yabanje gushima Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME ikizere yabagiriye anizeza Komisiyo ko n'ubwo bacyuye igihe, bazakomeza guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge aho bari hose no guharanira ko u Rwanda ruba rwiza kurushaho.

Mu ijambo rya Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika Madame Vénantie TUGIREYEZU wari umushyitsi mukuru muri uwo muhango, yashimiye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge muri rusange n'abakomiseri bacyuye igihe by'umwihariko ubwitange bagize mu nshingano bari barahawe anabasaba gukomeza uwo muhamagaro no kurwanya uwashaka gusenya ibyiza igihugu kimaze kugeraho.

Mbere y'umuhango nyirizina wo gusezera ku bakomiseri bacyuye igihe no kwakira ku mugaragaro abagize manda ya gatanu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Dr. HABYALIMANA Jean Baptsite, yabanje gushimira abitabiriye uwo muhango bose ndetse by'umwihariko anashima ibikorwa byakozwe n'abakomiseri bacyuye igihe kuko batanze umusanzu ukomeye mu bikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge. Umunyamabanga Nshingwabikorwa akaba yaranatanze ikiganiro mu nshamake ku nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibyo imaze kugeraho, inzitizi zikigaragara ku bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda n'ingamba zafatwa kugira ngo ubumwe n'ubwiyunge bugerweho, gahunda z'Itorero ry'Igihugu zigamije kubaka umunyarwanda wimakaza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, icyerekezo cy'Itorero ry'Igihugu ku rwego rw'umudugudu nk'igicumbi cy'inyigisho z'uburere mboneragihugu, ingamba zafasha kugera ku bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Nyuma y'icyo kiganiro abari aho bakaba barunguranye ibitekerezo ku bikorwa, icyerekezo n'ingamba Komisiyo yakurikiza kugira ngo igere ku nshingano zayo.

Mu ijambo rye, Perezida wa Komisiyo Bishop John RUCYAHANA yagaragaje ko ubumwe bw'abanyarwanda ariwo musingi w'iterambere ry'igihugu kuko abishyize hamwe nta kibananira. Yasabye kandi abakomiseri bashya gufasha abanyarwanda kugira

amatwara mashya n'imyumvire mishya kugirango bubake amateka mashya. Yashimiye cyane abakomiseri bacyuye igihe ku mirimo myiza bakoze, aho yabibukije ko nubwo bacyuye igihe ariko ko bazakomeza ibikorwa byose by'ubumwe n'ubwiyunge.

Pasteur Antoine RUTAYISIRE wari Vice Perezida wa Komisiyo, mu ijambo rye asezera mu izina ry'abakomiseri bacyuye igihe yabanje gushima Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME ikizere yabagiriye anizeza Komisiyo ko n'ubwo bacyuye igihe, bazakomeza guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge aho bari hose no guharanira ko u Rwanda ruba rwiza kurushaho.

Mu ijambo rya Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika Madame Vénantie TUGIREYEZU wari umushyitsi mukuru muri uwo muhango, yashimiye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge muri rusange n'abakomiseri bacyuye igihe by'umwihariko ubwitange bagize mu nshingano bari barahawe anabasaba gukomeza uwo muhamagaro no kurwanya uwashaka gusenya ibyiza igihugu kimaze kugeraho.

Minisitiri TUGIREYEZU Venantie ageza ijambo ku bari bitabiriye uwo muhango

Abakomiseri bashya n'abarangije manda bakurikira ijambo rya Minisitiri

Yasabye kandi abakomiseri bashya gukomeza ikivi abandi batangiye kugirango bageze u Rwanda ku cyerekezo rufite kandi abizeza ubufatanye mu mirimo yabo. Uyu muhango ukaba warasojwe no kugenera impano abakomiseri bacyuye igihe bashimirwa ku bwitange n'umurava bagaragaje igihe cyose bari bamaze barahawe izi nshingano.

Abakomiseri ba NURC bari muri manda ya kane

1. Bishop RUCYAHANA John
2. Rev. Pasteur RUTAYISIRE Antoine
3. Abbé CONSOLATEUR Innocent
4. Madame UWIMANA Xaverine
5. Madame MUJAWAYEZU Prisca
6. Mr. HABINEZA Hamisi
7. Madame DUSABEYEZU Thacienne
8. Madame MUKARUGWIZA Médiatrice
9. Madame MUKABISHAKA Marie Claire
10. Mr. BAZIRUWIHA ABDUL AZIZ
11. Madame NIKUZE Lydie

Abakomiseri ba NURC bagize Manda ya gatanu

1. Bishop RUCYAHANA John
2. Madame UWIMANA Xaverine
3. Abbé CONSOLATEUR Innocent
4. Sheik HABIMANA Saleh
5. Past. GASHAGAZA Déo
6. Madame KAMANZI Mary
7. Mr. GASAMAGERA Benjamin
8. Madame UMURUNGI Cynthia
9. Madame TENGERA Francesca
10. Madame MUKABALISA Donitilla
11. Madame DUSABEYEZU Thacienne
12. Mr. MUNYAMALIZA Edouard

Bamwe mu bakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bagize manda ya gatanu bakiriwe uwo munsi

Komiseri Gashagaza Deo

Komiseri Kamanzi Mary

Komiseri Mukabalisa Donatilla

Komiseri Munyamaliza Edouard



Komiseri Tengera Francesca

Komiseri Umurungi Cynthia